# RIB IRASABA GUKOMEZA UBUFATANYE BWA BURI WESE MU GUKUMIRA IBYAHA

Kuwa 21-22 Nyakanga 2023 Abagize Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha RIB basuye Imirenge ya Ngamba mu Kagari ka Kazirabonde ndetse n'Umurenge wa Rukoma mu Kagari ka Buguri mu bukangurambaga ku gushishikariza buri wese kugira uruhare mu kurwanya ibyaha bibangamira ibidukikije n'ibyaha by'inzaduka (ibiyobyabwenge n'ibyaha by'ihohotera).



Abaturage basabwe kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije bakirinda kubyangiza kuko bifite uruhare rukomeye mu buzima bw'umuntu bwa buri munsi. Yibukije ko kandi itegeko.




Iyi gahunda yitaibiriwe n'Umuyobozi wa RIB mu Ntara y'Amajyepfo Mme KAMARAMPAKA Consolee, iItsinda ry'abakozi ba RIB baturutse i Kigali, Umuyobozi wa RIB mu Karere Mme Mukandahiro Jeanne d'Arc n'abandi bagenzacyaha bakorera mu Karere, inzego za Polisi, abayobozi mu nzego zinyuranye i Ngamba, abaturage bose bari baje kumva impanuro zitangwa na RIB ku gukumira ibyaha.



# MUSAMBIRA HABAYE IGIKORWA CYO GUPIMA INDWARA ZITANDURA



Mu Murenge wa Musambira ku wa gatatu tariki 05 Nyakanga 2023 habaye gahunda yo gukurikirana igikorwa cyo gupima indwara zitandura (Non Communicable Diseases' Screening). Ni gahunda yakozwe ku bufatanye n'abajyanama b'ubuzima ku rwego rw'Umudugudu, babifashizwemo n'umushinga wa Medtronic.

Abayobozi batandukanye b'umushinga Medtronic kurwego rwa Africa ndetse no mu Rwanda bafatanyije n'abayobozi mu rwego rw'ubuzima mu Karere ka Kamonyi, nibo basuye abajyanama b'ubuzima mu Kagali ka Karengera, aho bari ahari gupimwa abaturage indwara zitandura ndetse bakanabashyira muri system yabugenewe.



Abayobozi bishimiye urwego abajyanama b'ubuzima bagezeho batanga serivisi yo gupima indwara zitandura banashimira ubuyobozi bw'Akagari n'Umudugudu ku bufatanye mu bukangurambaga bakora mu rwego rw'imikoranire myiza kugirango umuturage yegerezwe serivisi z'ubuzima.

bwana Ntabana Gaston Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima wakurikiranye iki gikorwa, ashimangira ko bazakomeza kwita ku gupima abaturage izi ndwara kuko ngo akenshi hari abaturage baba bafite izi ndwara ariko batazizi bityo no kuba bakwirinda ntibikorwa zikaba zabambura ubuzima cyangwa sie zikabasigira ubumuga. Asaba abaturage guhora iteka bazirikana ko ubuzima bwabo bugomba kwitabwa kandi bagafata iya mbere kwipimisha aho gutegereza ko bajya kwa muganga barwaye gusa.

# ABAYOBOZI BASABWE UBUFATANYE MU ITERAMBERE N'IMIBEREHO MYIZA Y'UMUTURAGE



Tariki ya 06 Nyakanga 2023, mu Mirenge yose hakozwe inama zari zatumiwemo abayobozi mu nzego zitandukanye mu Midugudu n'Utugari ndetse no ku Murenge. Ni inama zari zatumijwe n'ubuyobozi kandi zitabiririwe n'abagize komite nyobozi y'Akarere.



Muri ibi biganiro hagarutswe ku ishyirwamubikorwa rya gahunda za Leta, gahunda zihutirwa z'ubukangurambaga zirimo ubwisungane mu kwivuza bw'uyu mwaka wa 2023/2024, haganiriwe kuri gahunda ya VUP mu nkingi zayo zose, hanagaragajwe uko imihigo ya 2022/2023 yagezweho.

By'umwihariko nyuma y'inama hasuwe bamwe mu bagenerwabikorwa bo mu Tugari harebwa ko abahabwa inkunga y'ingoboka babikwiriye, kureba ko hari abayihabwa baritabye Imana cyangwa barimutse, ndetse no gusuzuma niba hari abakwiye gukomeza kuyihabwa n'abashobora "graduation".

Visi Meya ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee we n'itsinda ayoboye basuye Umurenge wa NGAMBA. Muri iki gikorwa yashimye ibimaze gukorwa muri gahunda yo guherekeza abaturage kwikura mu bukene kandi ko byatanze umusaruro kuko hari abaturage bamaze kwiyubaka mu mibereho myiza yabo n'iterambere rirambye kandi biteguye gufasha bagenzi babo kuva mu bukene.

# HAKOZWE ISUZUMA RY'IBYAGEZWEHO MU MIHIGO Y'AKARERE 2022/2023



Abagize komite Nyobozi y'Akarere n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Francis Karemera na bamwe mu bakozi bakorera ku Karere bakurikiranye iri suzuma mu Mirenge yose mu rwego rwo kwisuzuma neza no gukurikirana igipimo cy'ibyagezweho bikanahuzwa na raporo z'ibikorwa ziri ku Karere



Kuva tariki 10-12 Nyakanga 2023, itsinda ry'abagenzuzi baturutse mu Kigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare bayobowe na bwana Mudenge Modeste umukozi wa NISR; bakoze isuzuma ry'imihigo mu Karere. Umunsi wa mbere harebwe uko akarere gahagaze muri raporo z'ibikorwa, iminsi ikurikikiyeho abagize itsinda basuye mu Mirenge imwe mu mishanga iri mu mihigo y'Akarere ka Kamonyi umwaka w'ingengo y'imari 2022/2023.

Abagenzuzi basuye Imirenge harebwa bimwe mu bikorwa uko byagezweho ndetse habaho no kuganira n'ibyiciro binyuranye muri iyo Mirenge ku bibazo bijyanye n'akamaro imihigo ibafitiye ndetse n'uruhare rw'abagenerwabikorwa (abaturage) mu gukomeza gusigasira ibyagezweho.

.





# INZEGO ZOSE ZASABWE GUKOMEZA KUGIRA URUHARE MU GUKOMEZA GUCUNGA UMUTEKANO



Kuwa 28 Nyakanga 2023 Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yayoboye ku cyicaro cy'Akarere i Gihinga inama y'umutekano yaguye. Abitabiriye barebeye hamwe by'umwihariko uko umutekano wari wifashe mu mezi 2 ashize (Kamena & Nyakanga), n'ingamba zo gukomeza kuwububumbatira, haraganirwa kuri gahunda y'ubukangurambaga bw'iminsi 40 ku gukemura ibibazo by'abaturage, banunguranye ibitekerezo ku ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

Inama yitabiriwe na Major MUSAYIDIRE Ildephonse Umuyobozi wa Batayo ya 105 ikorera mu Turere twa Kamonyi na Muhanga, Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Francis Karemera, Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere Lt. Colonel NTAMBARA Jerome n'abandi bagize inama n'umutekano itaguye y'Akarere, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakuriye Police, DASSO n'Inkeragutabara ku rwego rw'Imirenge

Umuyobozi w'Akarere yasabye abitabiriye inama guhora iteka bazirikana ko umutekano ariwo shingiro rya byose ko rero bafite uruhare rukomeye mu kuwusigasira. By'umuwihariko abayobozi b'Imirenge n'Utugari basabwe gukora iteka bagenzura ikorwa ry'amarondo kuko irondo rifite akamaro gakomeye mu gucunga umutekano w'abantu n'ibintu byabo.





# KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAKOPERATIVE

Kuwa 28 Nyakanga 2023, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel ari kumwe na delegation y'abanyamuryango 600 b'amakoperative 23 atandukanye akorera mu Karere yitabiriye ibirori by'umunsi w'amakoperative wabereye Kigali Pele Stadium i Nyamirambo.

Muri ibi birori byo ku rwego rw'Igihugu Koperative KOMINYA y'i Nyamiyaga na KOUBITE Bishenyi zikaba arizo zaserukiye Akarere kacu mu gikorwa cy' imurikabikorwa n'imurikagurisha.

Muri ibi birori Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu bwana MUSABYIMANA Jean Claude ari kumwe n'ubuyobozi bwa RCA bashyikirije Koperative Umurenge SACCO Urufunguzo rw'Ubukire RUNDA igikombe ndetse n'icyemezo cy'ishimwe kubera iyi koperative yahize izindi mu gihugu mu mitangire myiza ya serivisi z'imari mu makoperative

I












# INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU ISANAMITIMA N'UBUDAHERANWA



Kuwa gatanu tariki 29 Nyakanga 2023, ku biro by'Akarere i Gihinga habereye inama  y'abafatanyabikorwa b'Akarere mu bikorwa by'isanamitima, imibanire n'ubudaheranwa. Ni ibiganiro byateguwe ku bufatanye n'umuryango "Mizero Care Organization" umufatanyabikorwa w'Akarere unakorana na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda

n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) mu bikorwa by'isanamitima.

Ibi bi biganiro byitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere hari kandi bwana Mizero Irene uhagarariye umuryango "Mizero Care Organization" . Abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku ruhare rwabo ku kubaka umuryango mwiza no gufasha mu komora ibikomere bishingiye ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umuyobozi w'Akarere yashimiye uyu muryango ku ruhare rwabo mu gufasha umuryango nyarwanda no guharanira imibanire izira amakemwa mu bana b'u Rwanda hashingiwe ku bumwe n'ubwiyunge.








# MUSAMBIRA HATANGIJWE UBUKANGURAMBAGA BW'IMINSI 40 KU GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE





Ari kumwe n'izindi nzego, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice kuwa 18 Nyakanga 2023 yasuye abanyamuryango ba koperative CODARIKA ikorera ubuhinzi bw'umuceri mu gishanga cya Kayumbu, mu rwego rwo gukemura ibibazo by'imiyoborere n'imicungire mibi bivugwa muri koperative. Kuganira n'abanyamuryango ba koperative CODARIKA bakorera mu gishanga gikora ku Mirenge ya Karama na Musambira; byahujwe no gutangiza ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo, ubukangurambaga bw'iminsi 40 bwo kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage



Nyuma yo gusesengura ibibazo biri muri koperative ndetse hakumvwa impande zitandukanye kuri iki kibazo, hemejwe ko iki kibazo kigiye gukurikiranirwa hafi ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amakoerative nkuko yari yaratangiye iki kibazo, ubuyobozi bw'akarere n'ubuyobozi bwa Koperative hagashakwa uburyo bitarenze amezi 3 ibibazo Bihari bizaba byahawe ibisubizo bityo ubuzima bugaruke, abanyamuryango bishimire kuba muri koperative yabo.

Iyi gahunda yanitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, VM ushinzwe ubukungu, umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Amakoperative mu Ntara y'Amajyepfo, Umubitsi w'Impapuro mpamo z'ubutaka mu Ntara, Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Umuyobozi wa RIB mu Karere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ya Karama na Musambira. Gutangiza ubu bukangurambaga ku gukemura ibibazo by'abaturage byakozwe mu Mirenge yose bihuzwa n'Inteko z'abaturage zateranye ku gicamunsi.

# UMURYANGO SEVOTA WAGARAGAJE IBYAKOZWE MU RUGENDO RW'ISANAMITIMA





Kuwa 18 Nyakanga 2023, Ubuyobozi bwa SEVOTA buhagarariwe na Mme MUKASARASI Godelieve umuyobozi mukuru w'uyu muryango bakiriye itsinda rya bamwe mu bagore bitabiriye inama mpuzamahanga ya "Women Delivery Conference 2023" yabereye i Kigali, bahuriye mu muryango Nobel Women's Initiative bari bayobowe na Mme Fanna Abdul aho bahuye na bamwe mu bagenerwabikorwa ba SEVOTA barimo abagore bakorewe ihohoterwa, abapfakazi ndetse n'abana bavutse ku bagore bafashwe ku ngufu muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Aba bagenerwabikorwa basangije aba bashyitsi urugendo rwabo rwo kwiyubaka nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kandi nubwo Jenoside yabasigiye ibikomere ariko barakataje mu guharanira ubudaherwa, no kubaka ubumwe n'ubwiyunge nk'umusanzu wabo mu guharanira u Rwanda ruzira amacakubiri.





# URUGENDOSHURI: HUYE YAJE KWIGIRA KURI KAMONYI KU GUTUNGANYA SITE Z'IMITURIRE



Tariki 27 Nyakaanga 2023 abakozi b'akarere ka Huye bayobowe na V/M ushinzwe ubukungu bwana KAMANA Andre bakoze urugendoshuri rujyanye no kwigira ku Karere ka Kamonyi ibijyanye n' imiturire myiza irimo ama site atunganyije "Physical plan.

Bakiriwe ku Karere n'itsinda riyobowe na VM ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, iki gikorwa cyatangiriye ku Karere ku Karere aho abasuye bahawe amateka n' incamake yuko imitunganyirize ya site ya Karere ka Kamonyi yakozwe.

.

Bakomereje kuri site ya Kabasanza mu Murenge wa RUNDA bahura na komite zishinzwe gutunganya amasite yatoranyijwe hamwe n'abaturage aho mu rwego rwo gushira amatsiko babaza ibibazo bitandukanye bibereye aho ibikorwa bibera.

Aba bayobozi bashimye intambwe imaze guterwa mu gutunganya imiturire mu Karere ka Kamonyi, kandi biyemeza kujya gushyira mu bikorwa ibyo bigeye kuri Kamonyi bityo nabo bagire imiturire iboneye muri site zitunganyije neza kandi zirimo ibikorwaremezo by'ibanze ku bufatanye n'abaturage bayobora.



# HAKOZWE INAMA KU GUKURIKIRANA IMISHINGA Y'AKARERE NDETSE HASURWA AHAZUBAKWA IKIRARO



Kuwa 26/07/2023 Ku biro by'Akarere, habaye inama ya Komite ishinzwe gukurikirana imishinga (DPMC). Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzwe Ubukungu Bwana Uzziel NIYONGIRA yitabirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana Gerard ABIYINGOMA n'abandi bagize Komite ya DPMC (District Projects Management Committee).

Muri iyi nama haganiriwe ku mishinga itandukanye harimo gusuzuma inyigo ivuguruye yo kubaka umuhanda wa Kaburimbo wa Gihara-Nkoto, gufata amazi ku nyubako y'ibiro by'Akarere, ibigega bifata amazi ava ku nyubako z'amashuri no kubaka ikiraro cya Kinyaruka gihuza Kayumbu na Karama.

Nyuma y'iyi nama, hanasuwe ahateganyijwe kubakwa ikiraro cya Kinyaruka kugira ngo hareberwe hamwe aho kizubakwa n'uko kizubakwa.



# HAKOZWE AMAHUGURWA KU GIKORWA CYO GUKINGIRA INDWARA Y'IMBASA



Mu rwego rw'imyiteguro y'ikingira ry'indwara y'imbasa riteganyijwe gukorwa kuva tariki 24-28 Nyakanga 2023 iri kingira rikazakorwa urugo ku rundi ku bana kuva ku myaka 0-7; kuwa 07 Nyakanga 2023 mu Karere ka Kamonyi hakozwe amahugurwa yitabiriwe n'abakozi bashinzwe imibereho myiza mu Mirenge bari kumwe n'abakozi bakurikirana serivisi z'imibereho myiza, isuku, isukura no kurengera ibidukikije mu bigo Nderabuzima no mu Bitaro by'Akarere.

Amahugurwa yakurikiranywe ku rwego rw'Akarere na bwana NTABANA Gaston umuyobozi w'ishami ry'ubuzima mu Karere hari hari kandi uhagarariye RBC aricyo kigo cy'Igihugu gishinzwe ubuzima.

Aya mahugurwa agamije kongerera ubumenyi abazafasha muri iki gikorwa ku ndwara y'imbasa, by'umwihariko bakazafasha mu bukangurambaga no mu migendekere myiza y'iri kingira ry'imbasa.

Ni igikorwa u Rwanda ruhuriyeho n'ibindi bihugu bidukikije muri aka Karere mu rwego rwo gukumira ko iyi ndwara kuko bimwe muri ibyo bihugu byagaragayemo iki cyorezo, kandi birahagije ko umuntu 1 aboneka ko arwaye imbasa iyi ndwara igahita yitwa icyorezo. Ni yo mpamvu rero Leta ishyize imbaraga mu gukingira abana hakiri kare kugira ngo tutazagira umwana n'umwe wandura ku butaka bw'u Rwanda.

# MU MIRENGE URUBYIRUKO RWAHAWE IBIGANIRO KU KWIRINDA IMYITWARIRE MIBI



Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa umushinga wo gukumira inda ziterwa abangavu tariki ya 14 Nyakanga 2023 mu Karere ka Kamonyi ku bufatanye n'umufatanyabikorwa HILFSWERK Margrit Fuchs Rwanda Foundation, kuri Ikigo cy'Urubyiruko cya Kamonyi cyatanze ibiganiro bigamije: gukumira inda ziterwa abangavu, kwirinda ibiyobyabwenge, gushishikariza Urubyiruko kugira umuco w' Ubukorerabushake.

Mu Kigo cy'ishuri cya Ecole Secondaire de Musambira ibiganiro byahawe Abakobwa 426 n'abahungu 312 bose hamwe ni 738, Ibiganiro byatanzwe na IP Claudine uyobora station ya polisi ya Musambira afatanyije n'umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko bwana Hagenimana Felix.

Gahunda nk'iyi uwo munsi yanakozwe mu Murenge wa Nyarubaka , abakozi b'Umurenge wa Nyarubaka bakaba bifatanije n'abayobozi b'amashuri gutanga impanuro ku bana bagiye mu biruhuko bashoje umwaka w'amashuri 2022-2023. Insanganyamatsiko yari kwitwara neza mu biruhuko birinda ibiyobyabwenge n'uburarara muri iki gihe cy'ibiruhuko.

END

NewsLetter yatunganyijwe na:
Faustin NTAKIRUTIMANA
"Public Relations, Media & Communications"

UBUMWE BWACU NIZO MBARAGA ZACU